RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
**P.O. Box 1948 Kigali**
**info@rwandafda.gov.rw**
**www.rwandafda.gov.rw**

**Kigali on, 12/03/2021**
**Ref. Nº: DIS/ 914 /FDA/2021**

**Abakora ubuki bupfunyitse (Bose)**
**Abakwirakwiza ubuki bupfunyitse (Bose)**
**Abadandaza ubuki bupfunyitse (Bose)**
**Abaturarwanda**

Bwana/Madamu

**Impamvu**: Guhamagaza no guhagarika ikwirakwiza ry'ubuki buhinduriwe umwimerere bwitwa **HONEY HIVE.**

Hashingiwe ku itegeko No 003/2018 ryo ku wa 09/02/2018 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA), cyane cyane mu ngingo ya 8 igika cya 2 n'icya 13;

Hashingiwe nanone ku itangazo rifite ***Ref Nº: DIS/CRC/059/FDA/2021*** ribuza guhindura umwimerere w'ubuki bupfunyitse ryo ku wa 04/02/2021, n'ubugenzuzi bwakozwe na Rwanda FDA nyuma yo kwakira ibibazo by'abaguzi bavuga ko ubuki bwitwa **HONEY HIVE** baguze butujuje ubuziranenge. Hashingiwe kandi ku bisubizo bya laboratwari byagaragaje ko ubuki bwa HONEY HIVE bwahinduriwe umwimerere nababupfunyika, ndetse mubugenzuzu bwakozwe uwabutunganyaga kandi akabupfunyika yemeye ko yongeramo isukari. Rwanda FDA iramenyesha abaturarwanda bose ko ikuye ku isoko ubuki bukurikira;

| **IBIRANGA UBUKI** | **NUMERO Y'UKORA UBUKI** |
|---|---|
| HONEY HIVE<br>Nyungwe Forest<br>Natural Honey 100%; claims of: Best to use for diabetic, Grip, Pregnant, Stomached, Appetite and Others; | Tel: 0789435435 / 0738616259) |

**Icyo dusaba gukora**

Rwanda FDA irasaba:

1. Abakwirakwiza, amaguriro y'ibiribwa (supermarkets), n'abacuruzi badandazaga ubuki guhagarika gukwirakwiza no kugurisha ubuki bwa HONEY HIVE ndetse bagasubiza ubuki bwose ku babubaranguje bitarenze iminsi icumi (5) y'akazi;
2. Ukora ubuki bupfunyitse bwa HONEY HIVE arasabwa kwakira ubuki azagarurirwa nabo yabugurishije kandi agatanga raporo yimbitse (igaragaza amazina y'abaranguye, numero za telephone n'ingano y'ubuki bwagaruwe) kuri Rwanda FDA;
3. Abaturarwanda bose basabwe kutongera kugura cyangwa gukoresha ubuki bwa HONEY HIVE.

**Icyitonderwa:**

1. Abakora ubuki bupfunyitse barasabwa kwandikisha aho bakorera ndetse n'ibicuruzwa byabo muri Rwanda FDA;
2. Rwanda FDA iributsa ko bibujijwe gukora no gucuruza ubuki buhinduriwe umwimerere;
3. Abapfunyika n'abagurisha ubuki bwahinduriwe umwimerere bazafatwa bazanwa by'intangarugero;
4. Abashaka gusaba ibisobanuro ndetse no gutanga amakuru ku bakora n'abacuruza ubuki bwahinduriwe umwimerere bahamagara kuri **0789 19 35 29.**

Amafoto agaragaza ubuki bwa HONEY HIVE ari kuri paji zikurikira.

Tubashimiye ubufatanye bwanyu.

Digitally signed by Rwanda FDA (Ag DG)
Date: 2021.03.12 16:41:08 +02'00'

**Dr. Charles KARANGWA**
**Ag. Director General**

**Amafoto agaragaza ubuki bwakuwe ku isoko bwa HONEY HIVE**




RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority




RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority







RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority